**Inkingi**
**Forces Démocratiques Unifiées**
**United Democratic Forces**

***"Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l'Egalité de chances"***
***"For the rule of law, democracy and equal opportunity"***

## FDU- INKINGI
## IBIRO BY'UMUYOBOZI MUKURU

### Raporo y'ibyakozwe n'Umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi

### Taliki ya 21 Mutarama 2010

Uyu munsi kuwa kane, kuva saa yine za mu gitondo, umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi Victoire Ingabire Umuhoza yakiriwe muri **Ambasade y'Ubuholandi mu Rwanda** n'ushinzwe ubutwererane **Bwana Jolke Oppewal**.

Bavuganye ibyerekeranye n'imbogamizi zinyuranye zibangamiye demokarasi mu Rwanda muli iki gihe, n'ubulyo ishyaka FDU-Inkingi liteganya gukemura ibyo bibazo kugira ngo demokarasi isesuye ihame mu gihugu.



Yamugejejeho inyandiko zikubiyemo amahame remezo y'ishyaka FDU-Inkingi lyitegura gutangira ibikorwa byalyo ku mugaragaro mu minsi ili imbere.

Banaganiliye no kumyifatire y'itangazamakuru mu gihugu bahereye ku kinyamakuru *New Times* kibogamiye ku butegetsi cyatangaje ibinyoma kubyo umukuru w'ishyaka FDU-Inkingi yatangaje akigera i Kigali.

Tel : (+250) 078583600
Fdu.inkingi.rwa@gmail.com
**www.fdu-rwanda.org – www.victoire2010.com**

Join us on **Facebook** - Watch us on **YouTube** - Follow us **on Twitter**:
http://twitter.com/VictoireUmuhoza

Umukuru w'ishyaka FDU-Inkingi ahavuye, yagiye gukora ikiganiro na **Radio VOICE OF AFRICA,**aho yabajijwe n'abanyamakuru bimwe mubyo yifuza kugeza ku banyarwanda, n'uko abona imitangilize y'ishyaka FDU-Inkingi yo gukorera ku mugaragaro mu Rwanda igenda,mu gihe abayobozi bali bamaze igihe bakorera hanze y'igihugu.



Nyuma umukuru w'ishyaka FDU-Inkingi yakiriwe n'uhagarariye igihugu cy'Ubwongereza mu Rwanda, **Nicholas Cannon OBE**. Bavuganye kubyerekeranye n' ibibazo binyuranye u Rwanda rufite, inkiko za gacaca, itegeko rigenga amatora, ibibazo bijyanye n' uburezi, n' uburyo demokarasi yatera imbere mu Rwanda.

UK IN RWANDA
FOREIGN & COMMONWEALTH OFFICE

Umuyobozi wa FDU-Inkingi yashimiye Leta y'Ubwongereza inkunga ikomeza gutera abanyarwanda, anasaba ko yakomeza inabafasha ko bagera kuri demokarasi isesuye.

Kugicamunsi, yavuganye na **Radio Contact FM**. Aho yamenyesheje ko ibyanditswe n'ikinyamakuru *New Times* hali abashaka kubigarukaho kenshi, ku mpamvu zitumvikana neza kandi yarabisobanuye bihagije, kubulyo butaziguye.

89.7 fm

Akaba abona ko ahubwo bagombye muli iki gihe kuganira ku bibazo bindi bikomereye u Rwanda n'abanyarwanda nk'ubukene, inzara, amashuli n'uburere bw'abana bacu, ukwishyira ukizana, n'ibindi.

Umukuru w'ishyaka FDU-Inkingi yashoje imilimo y'uyu munsi mu kagoroba.